**ICYICARO GIKURU CYA BELIEVERS EASTERN CHURCH**
*Ibiro by'Umwepiskopi Mukuru, Umuryango wa Mutagatifu Tomasi, Kuttapuzha P.O., Thiruvalla - 689103 Kerala, U Buhindi*

# IBARUWA Y'UMUSHUMBA

**Ukwakira/Ugushyingo 2024**

Umugisha n'indamukanyo kuri mwese Basenyeri bakuru, Basenyeri, Bapadiri Badiyakoni, Bavugabutumwa, Bihayimana, namwe bayoboke mwese ba Believers Eastern Church ku isi yose, mu izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu. Amen! ✠

Nshuti muri Kristu,

Nk'uko ibidukikije bigira ibihe bibiranga, ni nako Kiliziya nayo ifite ingengabihe. Umwaka wacu w'iyobokamana wihariye ugizwe n'ibikorwa nko gusenga, gusiba, no gutanga imfashanyo, byose bigamije kudukomeza no kurushaho kuba nka Kristu. Nk'uko tubisanga mu Intangiriro 8:22: "iminsi yose isi izamra, ibiba n'isarura, imbeho n'ubushyuhe, icyi n'itumba, amanywa n'ijoro, ntibizigera bivaho." Ibi bihe n'iyi myitwarire ntibiturushya ahubwo bitubera umugisha, bidufasha gukura no gushimangira ukwemera kwacu ndetse no kugendera mu buhamya bukomeye.

Ugushyingo gutangira igihe gishya cy'umwaka wa Liturugiya, ibihe bitagatifu byo kumenyesha no kwinjira muri Adiventi. Ni igihe cyiza cyo gusubiza amaso inyuma ugatekereza ku mwaka ushize no gufata imyanzuro mishya mu by'iyobokamana. Wenda warirengagije gusoma Bibiliya, ukaba warasibye kujya mu Kiliziya, cyangwa ukaba waracitse intege mu by'iyobokamana. Nimucyo twiyemeze kwitabira liturijiya ntagatifu ubudasiba, tugira uruhare muri Ukarisitiya Ntagatifu, twita ku amasengesho y'umuryango. Nimucyo twiyemeze gushyira imbaraga mu mishinga ya Kiliziya, twifashishije ingabire z'Imana yaduhaye mu guteza imbere Kiliziya Ye no gusangira n'abandi urukundo rw'Imana.

Ababyeyi, ndabasaba kwigisha abana banyu gukurikira kalendari ya Kiliziya. Kugira ngo bizababere ishingiro mu buzima bwabo bw'iyobokamana ni ngombwa ko biga gusenga, gusiba, ibikorwa by'urukundo, no kubaho mu kwemera tukiri bato. Ku urubyiruko, ndongera nifashishe amagambo ya Pawulo Intumwa avuga ati: "Ntihazagire

ugusuzugurira ko ukiri muto. Ahubwo uzabere abayoboke urugero, ari mu magambo, ari mu migenzereze, mu rukundo, mu kwemera, no mudakemwa (1 Timote 4:12).

Mu gihe twinjiye muri uyu mwaka mushya wa Kiliziya Ntagatifu no muri Kristu, nimucyo tujye tuwubona nk'umwanya wo kongera kwitanga. Imyanzuro yacu, mu buryo bunyuranye n'iy'isi, ishingiye ku buntu butagereranywa bw'Imana no ku mbaraga zayo, si ku mbaraga z'ubushake bw'abantu gusa. Dufatanye urugendo mu bihe by'umwaka, duhimbaza iminsi mikuru n'ibyishimo, twiyiriza ubusa twicishije bugufi kandi twicuza, dukurira hamwe nk'umubiri umwe muri Kristu.

Nifatanyije na Mt. Pawulo mu isengesho rye yasabye agira ati ..... mumenye ubugari n'uburebure n'ubujyejuru n'ubujyakuzimu, bw'urukundo rwa Kristu... maze musenderezwemo mutyo ubukungahare bw'Imana. (Abanyefezi 3:17-19). Imbaraga z'Imana y'Ubutatu zitagira akagero, zidukoreramo, nizihe ikuzo n'icyubahiro muri Kiliziya no mu isi, binyuze mu masengesho y'abatagatifu bose n'Umubyeyi Mutagatifu w'Imana, mu buzima bwacu, ubu n'iteka ryose. Amen ✠.

**Itariki:** 25 Ukwakira 2024
**Bikorewe:** Ikicaro gikuru cya Kiliziya ku isi

*Data wanyu,muri Kristu,*

**Moran Mor Samuel Theophilus Metropolitani**